

## IMFASHANYIGISHO YA 11: GUSARURA IBITUMBWE BYA KAWA

**Gusarura ikawa** ni igikorwa cyo gukusanya imbuto z'ikawa zikuze neza kandi zihishije kurugero rukwiriye. Akenshi mu Rwanda ikawa ihishije kukigerero cyo gusarurwa iba ari umutuku ariko habaho n'amako ya kawa year aba umuhondo, kugira ngo haboneke ikawa ifite umusaruro mwinshi kandi y'ubuziranenge. Mu Rwanda gusarura bikoreshwa intoki, kuburyo inkondo ya kawa isigara ku ishami. Aho inkondo ihurira n'ishami niho hapfundika indabo zera ikawa umwaka ukurikiraho.

Birasanzwe ko ibitumbwe bya kawa bidahishiriza rimwe byose ku giti, bityo basarura ibitumbwe bitukura bihishije.


### Akamaro ko gusarura ibitumbwe bihishije neza



- Ibitumbwe bihishije neza byoroha kubitunganyamo ikawa y'amaganda nziza kuburyo itamenagurika
- Ibitumbwe bihiye neza bigira igipimo cy'isukari kiri hejuru
- Ibitumbwe bitukuye neza biraremera, bityo umuhinzi akabona amafaranga menshi
- Ibitumbwe bihiye neza biraryoha cyane, bigatanga ikawa ikunzwe kandi iyo kawa igurwa amafaranga menshi.



Akabaho gapimirwaho ijanisha ry'ibitumbwe byasaruwe kakerekana urugero rw'ibyasaruwe biteze neza, byeze neza, n'ibyarengeje urugero.



*Igishushanyo cyerekana ikawa yeze neza ikwiriye gusarurwa*

## Agakoresho ko gupima ijanisha ry'isukari yo mu bitumbwe bya kawa



Igihombo cy'umuhinzi wasaruye ikawa idahiye neza:

- Ibitumbwe bidahiye neza, birarushya kubikura ku mashami bityo umuhinzi agakoresha imbaraga nyinshi mu gusarura;
- Ibitumbwe bidahishije Bizana n'inkondo yabyo aho gusiga inkondo kumashami, bityo ayo mashami yasaruweho ntazongere kurabya. Umuhinzi aba ahombye umusaruro w'umwaka ukurikiyeho
- Ibitumbwe bitarahishira neza, ntamurenda uba urimo bityo iremebwite ryabyo riba ari rito. Umuhinzi ahomba ibiro kuko ikawa ye ntaburemere iba ifite
- Ibitumbwe bidahishije birarura kandi bigira amakakama menshi. Mu gusogongera kawa, abaguzi basanga ibishye bakayishyura amafaranga macyeya cyane, bityo ahazaza h'igihngwa cyakawa hagakendera. Abaguzi ntibifuza kuzongera kugura ikawa z'abo bahinzi ukundi.

### **Incuro umuhinzi asarura ku biti bye bya kawa**

- Sarura nyuma ya buri minsi 7-14, bitewe n’uko ikirere cyifashe. Niba usarura inshuro nyinshi zikurikiranye ibitumbwe ntibizahisha. Niba umara igihe kinini udasubira gusarura, uzasanga kawa zararengeje urugero rwiza rwo gusoromeraho, zitangire kumira mubiti.
- Tangira kare mu gitondo kugira ngo urare uzijyanye ku ruganda.
- Ikawa igomba kugezwa ku ruganda mu gihe kitarenze amasaha 8 nyuma y’uko isarurwa kugirango idatangira guhugutira mubishishwa byayo, bityo uburyohe bwayo bukahatakarira.

### **Ibikoresho byifashihwa mu gusarura**



- Koresha indobo, ibase cyangwa ikindi gikoresho gisukuye neza cyagufasha gusarura neza kawa.
- Sarura neza kawa ihiye neza, usige inkondo y’igitumbwe ku ishami, kuko aho ariho hazaturika uruyange ruzaguha umusaruro ukurikiyeho

Irinde kuzirika imigozi ibiti bya kawa birebire ugerageza kubigonda kugirango ushyikire ibitumbwe bya kawa kuko ibi bituma ibiti bivunika, bityo umuhinzi akaba arahombye. Sazura kenshi cyangwa ukate umutwe wa kawa, uyibuze kuba ndende bikabije.

### **Kwita kubitumbwe bimaze gusarurwa**

### **Urugero rw’imifuka yakwifashishwa mu gusarura no kugemura ibitumbwe bya kawa**

- Koresha imifuka isukuye ushyiremo ibitumbwe ubijyane ku ruganda rutunganya kawa

- Ibitumbwe byasaruwe, bigomba kugemurwa ku ruganda umunsi byasaruwemo, bitarenze igihe cy'amasaha umunani, kugirango bidatangira guhugutira mu murima, bityo ubwiza bwa kawa buhangirika cyane
- Umuhinzi wararanye ikawa ye yishyurwa macyeya cyane kuko ubwiza bw'ikawa ze buba bwagabanutse cyane
- Ibitumbwe bibi bivangurwa n'ibyiza bikagurishwa kubiciro bitandukanye ku ruganda rutunganya kawa
- Irinde kwicara cyangwa gutereka ibintu biremereye ku mifuka irimo kawa kuko bituma yangirika

Irinde gushyira mu bitumbwe imyanda nk'amabuye, ibiti, ibyuma, plastic cyangwa ikindi kintu cyose kuko byakwangiza imashini zitonora kawa.

### Uko basukura igiti cya kawa



- Gusukura igihingwa cya kawa" bivuga kvanamo ibitumbwe birwaye, byumye, cyangwa byangiritse mbere na nyuma yo gusarura
  - Bifasha kugabanya ikigero cy'udukoko n'indwara cyane cyane imungu y'ibitumbwe n'izindi ndwara z'ibitumbwe
  - Bifasha mu kongera ubwiza bwa kawa
- Gusukura ibihingwa byagombye gukorwa buri mpera z'igihe cy'isarura

Ibi bitumbwe nabyo biragurwa bigatunganywa ukwabyo. Irinde kugira ibitumbwe ujugunya mu murima